


ASb  
approved




Kinyarwanda


Bakame  
Yongeye  
Guhenda  
Ubwenge Nzovu  
Aloysie  
Uwizeyemariya  
Wiehan de Jager




Bakame na Nzovu  
bari inshuti  
magara.




Baragiraga  
amatungo ya bo  
ahari uwatsi  
n'amazi.




Bakundaga gukina  
umupira  
w'amaguru.




Nzovu yatsindaga  
ibitego byinshi.  
Bakame  
ntibimushimishe.




Nuko Bakame  
abaza Nzovu ati:  
"Ese ni iki gituma  
uba umukinnyi  
w'umuhanga?"  
Nzovu arasubiza  
ati: "Ni aya maguru  
yanje manini."




Bakame na Nzovu  
bakinnye umukino  
wo gusiganwa ku  
maguru. Bakame  
ariruka aramusiga.




Nzovu  
byaramubabaje.  
Nuko abaza  
Bakame ati:"Ese ni  
iki gituma umenya  
kwiruka cyane?"  
Bakame  
aramusubiza ati:  
"Ni aya maguru  
yanje yanute." 7




Nzovu yabajije  
Bakame ati: "Ni iki  
nakora ngo ngire  
amaguru  
ananutse?"  
Bakame  
aramusubiza ati:  
"Ndakwereka uko  
ubigenza."




Bakame  
aramubwira ati:  
"Hagarara mu  
muriro." Nzovu  
arataka cyane  
agira ati: "Ndimo  
gushya weeee!"




Bakame abwira  
Nzovu ati: "Ubu  
nibwo buryo  
bwonyine  
bwagufasha kugira  
ngo ugire amaguru  
ananutse."




Nzovu ava mu  
muriro.  
Atembagara hasi.



Nzovu yamaze  
iminsi myinshi  
adashobora  
guhagarara.



Nzovu amaze  
koroherwa,  
yasenze  
umuryango we.



Bakame  
byamukoze ku  
mutima. Nuko  
asaba Nzovu  
imbabazi.

You are free to download, copy, translate or adapt this story and use the illustrations as long as you attribute in the following way:

## Bakame Yongeye Guhenda Ubwenge Nzovu

**Author - Agnes Gichaba**

**Translation - Aloysie Uwizeyemariya**

**Illustration - Wiehan de Jager**

**Language - Kinyarwanda**

**Level - First sentences**

© African Storybook Initiative 2015

Creative Commons: Attribution 4.0

Source [www.africanstorybook.org](http://www.africanstorybook.org)

